D.2 Patrimoine culturel

Gushyiraho amashami y'ingoro y'umurage w'uRda

2001

REPUBULIKA Y'U RWANDA
REJI Y'INGORO Y'UMURAGE
W'U RWANDA
B.P. 630 BUTARE
Tél. 53 05 86
E-mail : museum@nur.ac.rw

Butare, ku wa 20 Mata 2001
N° 2001/M.N.R./0041

Nyakubahwa Minisitiri
w'Ubutegetsi bw'Igihugu
n'Imibereho Myiza y'Abaturage
K I G A L I

Impamvu : Gushyiraho amashami
y'Ingoro y'Umurage
w'u Rwanda

A traiter par
Date entrée : le 24/5/01
N° Classement : 12.27/21

Binyujijwe kuri Nyakubahwa
Minisitiri w'Urubyiruko,
Siporo n'Umuco
K I G A L I

Nyakubahwa Minisitiri,

Nshimishijwe no kubandikira mbashyikiriza inyandiko yerekeye gahunda yo gushyiraho amashami y'Ingoro y'Umurage w'u Rwanda hirya no hino mu ntara z'Igihugu. Koko rero, Nyakubahwa Minisitiri, ishyirwaho ry'ayo mashami riteganywa n'Iteka rya Perezida N° 240/14 ryo ku wa 20 Mata 1989 ryashyizeho Ingoro y'Umurage w'u Rwanda, ariko kugeza magingo aya nta shami na rimwe ryashoboye gushingwa, bitewe n'ibibazo by'ingutu Igihugu cyacu cyahuye na byo kuva mu w'1990.

Byaragaragaye ko Abanyarwanda benshi bafite inyota yo kumenya ingeri zinyuranye z'ibintu ndangamurage bishyinguye mu Ngoro y'Umurage w'u Rwanda, ariko bakazitirwa n'uko badafite ubushobozi bwo kugera ku cyicaro cy'iyo Ngoro, i Butare. Byongeye kandi, ahanini kubera amikoro make, abashakashatsi bacu ntibashobora kugera mu ntara zose z'Igihugu ngo bacukumbure birambuye ibikenewe byose kugirango ingeri zose z'umurage w'u Rwanda zihabwe umwanya zikwiye mu rugaga rw'ibishyinguwe n'ibimuritse mu Ngoro y'i Butare. Ni yo mpamvu Leta yahaye icyo Kigo inshingano yo gukwirakwiza amashami yacyo aho bishobotse hose mu Rwanda. Ishyirwaho ry'ayo mashami rigamije :

- kubundura ibikorwa byo gutaratara no gushyingura ahantu habugenewe ibintu ndangamurage bikiri hirya no hino mu ngo z'abaturage kandi usanga akenshi na kenshi, kubera impamvu zinyuranye, bitagifashwe neza nk'uko byahoze, ahubwo bikaba bigenda birushaho kononekara cyangwa se

gusahurwa n'abashimusi babigemura mu mahanga rwihishwa ku nyungu zabo bwite;

- gufata neza no kumurikira abenegihugu, cyane cyane urubyiruko, ibintu byose biranga umurage w'u Rwanda muri rusange, n'uw'intara n'uturere bavukamo by'umwihariko;
- guha urubuga inzego zose z'ubuyobozi kimwe n'abaturage bose kugirango bagire uruhare rugaragara mu gushinga ayo mashami, mu gukurikirana imikorere yayo no mu kuyatera inkunga mu bitekerezo no mu bikorwa.

Tubashyikirije iyi gahunda twizeye ko ifite amahirwe yo gusohozwa neza, dore ko muri iki gihe Leta yahagurukiye kwegereza abaturage inzego z'ubuyobozi no kubaha ijambo ngo ibikorwa byose bishingire ku byo bitekerereje ubwabo. Tukaba rero tubasaba, Nyakubahwa Minisitiri, kugeza uyu mushinga ku nzego z'ubuyobozi no ku baturage mushinzwe, kugirango buri wese azashyireho ake mu gushinga ayo mashami tudashidikanya ko azafatira runini Igihugu mu kubumbatira no guhesha agaciro umurage w'u Rwanda.

Tubashimiye umutima mwiza mwakirana iyi nyandiko kandi tubifurije amahoro, Nyakubahwa Minisitiri.

**KANIMBA MISAGO Célestin**

Umuyobozi w'Ingoro y'Umurage
w'u Rwanda

REPUBLIQUE RWANDAISE
MUSEE NATIONAL DU RWANDA

Bimenyeshejwe :

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika
  y'u Rwanda
  K I G A L I
- Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga
  Amategeko
  K I G A L I
- Nyakubahwa Minisitiri w' Intebe
  K I G A L I
- Nyakubahwa Minisitiri (Bose)
  K I G A L I
- Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta (Bose)
  K I G A L I
- Nyakubahwa Perezida wa Komisiyo
  IshinzweUburezi,Ubushakashatsi n'Umuco
  mu Nteko Ishinga Amategeko
  K I G A L I

REPUBULIKA Y'U RWANDA
REJI Y'INGORO Y'UMURAGE
W'U RWANDA
B.P. 630 BUTARE
Tél. 53 05 86
E-mail : museum@nur.ac.rw

# UMUSHINGA WO GUSHYIRAHO AMASHAMI Y'INGORO Y'UMURAGE W'U RWANDA HIRYA NO HINO MU NTARA Z'IGIHUGU

## 1. ISOBANURAMPAMVU

Ingingo ya 3 y'Iteka rya Perezida N° 240/14 ryo ku wa 20 Mata 1989 rishyiraho Reji y'Ingoro y'Umurage w'u Rwanda iteganya ko, hakoreshejwe Iteka rya Minisitiri ushinzwe ibyerekeye umuco, hashobora gushingwa amashami y'Ingoro y'Umurage w'u Rwanda mu ntara zose z'Igihugu.

Imyaka irenze 10 Ingoro y'Umurage w'u Rwanda ishinzwe, ariko kugeza ubu ntirashobora kwibaruka nibura ishami rimwe. Iryo tinda ryatewe ahanini n'intambara yatangiye icyo Kigo kikimara gutahwa - ku wa 18 Nzeri 1989 - n'itsembabwoko n'itsembatsemba byo mu w'1994. Ubu rero igihe kirageze cyo gutangiza gahunda yo gukwirakwiza amashami y'Ingoro y'Umurage w'u Rwanda mu gihugu.

## 2. ICYO AMASHAMI Y'INGORO Y'UMURAGE W'U RWANDA AGAMIJE

Ayo mashami agamije gufasha Ingoro y'Umurage w'u Rwanda gushyira neza mu bikorwa inshingano zikomeye icyo Kigo cyahawe. Iz'ingenzi muri izo nshingano ni izi :

- Kurinda ibintu binyuranye, ari ibifatika ari n'ibidafatika, biranga ibidukikije n'umurage w'u Rwanda ;
- Kubisesengura bya gihanga (mu rwego rw'ubushakashatsi) ku buryo bibonerwa ibisobanuro bihamye ;
- Kubitangariza, byo n'ubumenyi bijyana, abenegihugu n'abanyamahanga, ibyo bikaba bigamije kwigisha, kujijura cyangwa se gushimisha abantu bose, by'umwihariko urubyiruko;
- Kugira uruhare mu guteza imbere ubuhanzi bw'abenegihugu mu byerekeye ubugeni, ubukorikori, imikino, ibitaramo n'imyidagaduro;
- Guteza imbere izindi ngoro z'umurage, n'umwuga werekeye imikorere yazo.

## 3. GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'INGENZI

### 3.1. *Ibikorwa byihutirwa* (Mata – Ukuboza 2001)

3.1.1. Kugeza umushinga kuri MINALOC binyujijwe kuri MIJESCOP

3.1.2. Kugirana inama n'abayobozi b'Intara n'Uturere twa Kibuye na Ruhengeri

3.1.3. Gushinga Umuryango w'inshuti z'Ingoro y'Umurage w'u Rwanda (Association des Amis du Musée National du Rwanda), ari na wo uzashyigikira Ishami rya M .N.R. nko mu byerekeye :

- Kunganira abashakashatsi ba M.N.R. mu gusiganuza no gutaratara ibintu ndangamurage
- gucunga imikorere y'Ishami rya M.N.R.
- gushaka abakozi bashoboye akazi
- gushinga no gushyigikira itorero ry'ishami rya M.N.R. ;

3.1.4. Kwigira hamwe n'Ubuyobozi bw'Intara ukuntu haboneka inzu izabikwamo kandi ikazamurikwamo (n'iyo byaba iby'agateganyo) ibintu ndangamurage ;
3.1.5. Gutaratara ibintu ndangamurage no gusiganuza ku by'ingenzi byaranze amateka, ubuvanganzo n'ibitaramo gakondo
3.1.6. Kubarura ibisigaratongo n'ahantu ndangamateka (sites archéologiques et historiques)
3.1.7. Kwegeranya ibizamurikwa, kubishakira ibisobanuro by'ibanze, no kubibika aho bitononekara kandi mu myanya ikwiye
3.1.8. Guhugura abakozi bazatangiza Ishami ry'Ingoro y'Umurage w'u Rwanda
3.1.9. Gutegura imurika
- mu bitekerezo (scénario)
- mu ngiro ( montage)
3.1.10. Gukora inama ihuza Abayobozi b'Intara, abakuru b'imirimo bireba n'abahagarariye Umuryango w'inshuti z'Ingoro y'Umurage w'u Rwanda itegura itahwa ry'amashami ya M.N.R
3.1.11. Gutangiza amashami ya M.N.R. ku Kibuye no mu Ruhengeri

### *3.2. Ibiteganyijwe gukorwa kuva muri Kamena 2001 kugeza muri Kamena 2003*

3.2.1. Kwigira hamwe n'Ubuyobozi bw'Intara ukuntu haboneka ahantu hisanzuye kandi hirengeye hazubakwa kandi hagatungaywa neza (ku buryo imyubakire gakondo yuzuzanya n'iya kijyambere) kugirango hashyirwe icyicaro cy'Ishami ry'Ingoro y'Umurage w'u Rwanda rizarangwa n'ibi bikurikira :

a) Kugaragaza mu nyubako ziri kuri uwo murwa ingeri zihariye ziranga imyubakire gakondo ;
b) Kumurika ibigaragaza imiterere y'Igihugu, n'iy'Intara kimwe n'uturere tuyiremye
c) Kumurika ibigaragaza ahantu nyaburanga ;
d) Kwerekana bimwe mu binyabuzima by'interamatsiko byatuma abantu bamenya kandi bakarengera ibinyabuzima ;
e) Kwerekana ibimera by'ingenzi bigifatiye runini abahatuye haba mu rwego rwo kurengera ubuzima, haba se mu mibereho yabo ya buri munsi ;
f) Kwerekana inzibukiro z'ingenzi z'amateka (sites archéologiques et historiques ) ;
g) Kwerekana ingingo z'ingenzi z'amateka y'uturere tugize Intara, n'incamake y'amateka y'u Rwanda ;
h) Kugaragaza umwihariko w'imbundurabukungu Intara itezeho amizero yo gutera imbere :
**ingero :** - <u>ku byerekeye Kibuye</u> : amabuye y'agaciro nka « saphir », akamaro k'icyayi n'ikawa - dore ko yera cyane muri ako karere ;
- <u>ku byerekeye Ruhengeri</u> : ingomero za Ntaruka na Mukungwa, nyiramugengeri yo mu Rugezi, ibireti bya SOPYRWA, ishwagara ya ETIRU, amabuye y'agaciro acukurwa hirya no hino mu ntara ... ;
i) Kumurika ibintu ndangamurage by'umwihariko ibyerekeye imyuga yo guhiga, kuroba, kubumba, korora, guhinga, gucura, ingeri zinyuranye z'ibikorwa by'ubugeni n'ubukorikori, ibicurangisho, n'ibindi ;
j) Kumenyekanisha umwihariko w'abatuye Intara mu rwego rw'imikino, ibitaramo n'imyidagaduro gakondo n'iy'ubu. Kwiga ukuntu hashingwa Itorero ry'Ishami rya M.N.R. ;
k) Kumenyekanisha by'umwihariko uko ubugeni n'ubukorikori byateye imbere muri iyo ntara.

3.2.2. Gusiganuza birambuye ku mateka n'ingeri zinyuranye ziranga ubuvanganzo, imikino, ibitaramo n'imyidagaduro bya kinyarwanda ;

3.2.3. Gushinga amatorero y'amashami ya M.N.R. ;
3.2.4. Gushyiraho amategeko yihariye azagenga amashami ya M.N.R. ;
3.2.5. Kwigisha abakozi b'amashami y'Ingoro y'Umurage w'u Rwanda ;
3.2.6. Gutaha ku mugaragaro amashami y'Ingoro y'Umurage w'u Rwanda.

### 3.3. *Ibiteganyijwe gukorwa bitarenze umwaka w' 2004*

3.3.1. Gushinga amashami y'Ingoro y'Umurage w'u Rwanda mu ntara zose z'Igihugu , bigakorwa kandi ku buryo buri ntara igaragaza umwihariko wayo mu byerekeye :

- ukuntu Intara iyi n'iyi ikomeye ku gusagasira no guhesha agaciro ibidukikije no guteza imbere ubukerarugendo ;
- imiterere n'amateka by'intara n'uturere tuyigize ;
- uko ubugeni n'ubukorikori byagiye bitera imbere mu ntara ;
- ibikorwa mbundurabukungu Intara itezeho amizero yo guteza imbere abayituye n'Abanyarwanda bose ;
- imikino, ibitaramo n'imyidagaduro gakondo n'iy'ubu ;
- ukuntu bitaye ku kwakira no kugusha neza abashyitsi, ibafasha kubona aho bicira isari, aho abakuru n'abato bidagadurira n'aho bashobora gucumbika ku biciro biciriritse.

3.3.2. Kwigira hamwe n'abayobozi ba za Minisiteri, ab'ibigo bya Leta n'ab'ibyigenga ukuntu hazashingwa ingoro z'umurage bita mu gifaransa « musées spécialisés » zifite inshingano yo gufata neza no guhesha agaciro ibikorerwa mu bigo bashinzwe.

**Urugero :** MIJESPOC yakwiga ukuntu mu Rukali hashyirwa Ingoro y'imikino, ibitaramo n'imyidagaduro (Musée des arts du spectacle), MINAGRI na ISAR bashobora gufatanya gushinga « musée » yerekana iby'ubuhinzi n'ubworozi, MINISANTE na IRST bagashinga iyerekeye iterambere ry'ubuvuzi mu Rwanda, MIJESPOC na MINALOC bakiga uko hashyirwaho iyerekana amateka y'u Rwanda, MINADEF ikerekana ibyerekeranye no kurengera igihugu, n'ibindi.

Bikorewe i Butare, ku wa 20 Mata 2001

**KANIMBA MISAGO Célestin**
Umuyobozi w'Ingoro y'Umurage
w'u Rwanda

REPUBLIQUE RWANDAISE
MUSEE NATIONAL DU RWANDA